

ASb
approved



Ndalo na Pendo - Inshuti nziza

Penelope Smith
Rob Owen

Kinyarwanda



Huru Ndalo. Afite imyaka 10 Yiga mu cyiciro cya 5 ku ishuri ry'umudugudu. Ndalo buri gihe aba uwa mbere mw' ishuri. Ibanga rye ni Irihe?" abo bigana baribaza.

"Ni indashyikirwa mu gusoma no kwandika. Abikora ate?" baribaza. Ndalo ababwira ko ari ukubera ko asoma ibitabo byinshi. Mugihe bata umwanya wabo ntacyo bakora, amara umwanya we wose asoma.



Ndalo rimwe na rimwe yinjiza 80fr mu cyumweru mu mufuka. Yakoresheje amafaranga menshi mu mufuka ku bitabo mu iduka ry'ibitabo bya kabiri mu mudugudu we.

Nigute Ndalo yinjiza amafaranga yo mu mufuka ahagije kubitabo? Soma kugirango umenye.




Hura Pendo, inka y'umuryango. Itanga litiro zirenga 20 z'amata k'umunsi. Se wa Ndalo agurisha amata.

Inka ikenera ibiryo n'amazi, n'igihe cyo kurisha mu urwuri. Buri munsi rero nyuma y'ishuri Ndalo afasha muriki gikorwa. Se wa Ndalo amuha amafaranga yo ku mufuka k'umurimo akora. Kandi ayo mafranga Ndalo ayazigamira kugura ibitabo buri cyumweru.



Ubwa mbere, Ndalo aha Pendo agapaki ka karoti. Amuha karoti umunani k'umunsi. Buri munsi atora karoti mu mboga za se, zihagije k'umunsi umwe.

Urashobora kubikora. Uzasanga Pendo arya karoti hafi 60 mu cyumweru. Urashobora kubivuga ni zingaha?



Nyuma yibyho, Ndalo ajyana Pendo kurisha mu mirima. Se yamwihanangirije kureba igihe no kudaha Pendo ibirenze bitatu bya kane by'isaha kurisha.

Ubusanzwe Pendo itangira kurisha hafi kimwe cya kane gishize, kugirango Ndalo ayisubize aho bayikamira saa cyenda.

Mu itumba iyo bwije kare, Ndalo ishobora gutangira kurisha kare, nko mu igice cy'isaha hafi saa saba.



Hanyuma Ndalo aha Pendo amazi. Nta mazi Pendo ntiyatanga amata, nubwo Ndalo yamugaburira bingana iki. Ndalo azana indobo y'amazi muri pompe y'umudugudu kuko ntayo ari hafi.

Inkono ya Pendo ifite litiro 30 z'amazi. Indobo ya Ndalo ifite litiro 5 gusa. Kuzuzwa rero inkono Ndalo agomba gukora ingendo nyinshi. Ushoboka kubara ni ingendo zingana iki akora?



Hanyuma, Ndalo ajyana Pendo kwa se kugirango amushakire umufuka wibiro 12 bya buri muni by'impeke. Ndalo abara hafi kg 90 mu cyumweru.

Buri mufuka ugura amafaranga 39fr. Ndalo akora ikiguzi cy'ingano kuri buri cyumweru. Ubwa mbere akora igiciro cy'imifuka 7 kuri 40fr, ikora 280fr.

Hanyuma akuramo 7fr kugirango abone 273fr. "Biri hejuru ya 1000fr ku kwezi!" Ndalo aragereranya. Ari mukuri?



Se wa Ndalo akama Pendo kabiri k'umunsi. Itanga amata agera kuri 24 litire k'umunsi, bityo litiro zigera kuri 12 kuri buri uko akamye.

Rimwe na rimwe Ndalo afasha mu gukama ariko ntabwo byoroshye nkuko bigaragara. "Umunsi umwe." aribwira ati: "Nzagira inka zanjye kandi ngomba kuzikama njyewe ubwanjye."



Se asuka amata mu ndobo nini ashyira mu ndobo nto za litiro ebyiri cyangwa amacupa ya litiro imwe. Hanyuma agurisha amata kuri 80fr kuri litiro.

Rimwe mu cyumweru se wa Ndalo atanga litiro 25 z'amata kuri gahunda yo kugaburira ishuri. Buri mwana abona kimwe cya kane cya litiro y'amata. Ibyo bivuze ko abana 100 babona amata kuri uwo munsu.



Kuri buri litiro y'amata yagurishijwe, ise aha Ndalo 5fr. Ibyo ntabwo bisa nkibintu byinshi, ariko niba se agurisha litiro 24 k'umunsi, byiyongera kuri bike. Ushobora kuvuga ni angahe?

Ndalo azigama amafaranga ye kugeza kuwa gatandatu, ubwo akora urugendo mu iduka ry'ibitabo. Buri gitabo kigura munsi ya 10fr, buri cyumweru ashobora kugura bike.



Ndalo akunda kandi kunywa amata ya Pendo. Se avuga ko amata afasha kubaka amagufa n'amenyoye kandi bigatuma umuntu agira ubuzima bwiza.

Mu kunywa amata kandi akarya imboga nyinshi ziva mu busitani bwa se, Ndalo arakomeye kandi afite ubuzima bwiza. Ni gake arwara kandi ntapfa gusozza.



Ndalo ntajya yibagirwa gushimira Pendo nyuma buri munsu. Amuhemba karoti cyangwa amababi ya epinari asanze aryamye hafi y'ubusitani.

"Urakoze Pendo, uri inshuti yanjye magara! Ndagushima ko nkomeye, ndi muzima n'umunyabwenge. Abaye atari wowe ntabwo nazigera mbasha kugura ibitabo byose bimfasha kuba uwambere mu ishuri."

Ndalo na Pendo - Inshuti nziza

Umwanditsi-- Ruth Odoni

Kumenyera-- Penelope Smith / Francine Muhawenimana

Icyitegererezo -- Rob Owen

Ururimi -- Ikinyarwanda

Urwego -- Soma n'ijwi rirenga

© African Storybook Initiative and Molteno Institute, 2017

Creative Commons: Attribution 4.0

Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0

Inkomoko www.africanstorybook.org

2023.08.30